

RAPOR

REPUBLIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO;
SIPORO N'UMUCO
B.P.1044-KIGALI

Kigali, kuwa 9-12-99

N° 3107/21.10

Transmis
18/12/1999

Kuri Bwana Directeur(bose) *Sport*
muri Minisiteri y'Urubyiruko
siporo n'Umuco
KIGALI

Impamvu:
Gusaba gutegura raporo
y'Umwaka wa 1999

Bwana Directeur,

Mpereye ku baruwa twandikiwe
na Serivisi za Minisitiri w'Intebe, itwibutsa ko mu mpera ya buri mwaka, buri
Minisiteri igomba gutanga raporo y'Umwaka yerekana ibyo yakoze.

Nkaba nabasabaga ko mwakora
iyo raporo mukayingezaho ku itariki ya 10 Ukuboza, kugirango mbanze
nyisuzume. Iyo raporo igomba kwerekana intego mwari mwihaye, ibyari
biteganyijwe gukorwa, ibyakozwe n'ibitarashoboye gukorwa

Mugire akazi keza

Umunyamabanga Mukuru muri
MIJESPOC

BARIKANA Eugène



DIRECTION :

Intego mwari mwihaye	Ibyari biteganijwe gukorwa	Ibyakozwe n'ibitarashoboye gukorwa	Impugukirwa

DPPO

RAPORO Y'UMWAKA W'1999 (UBUYOBOZI BWA SIPORO)

INTEGO	IBYARI BITEGANYIWE GUKORWA	IBYAKOZWE	IMPUGUKIRWA
<p>Guteza imbere imikino mu mashuri</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kwandika igitabo kigenewe abakangura-mbaga ba siporo mu mashuri abanza. - Gusura no gukurikirana itangizwa ry'ibikorwa by'abakangurambaga ba siporo. - Gutegura amarushanwa y'imikino mu mashuri abanza. - Gutegura amarushanwa y'imikino rusange (sports collectifs) n'ingororambiri (Athlétisme) mu mashuri yisumbuye. - Ihugurwa ry'abakangurambaga 60 ba siporo mu mashuri abanza. - Gusura amashyirahamwe y'uturere tw'ama-shuri gukoresha intero rusange no kunononso-ra amategeko azagenga ayo mashyirahamwe. - Inama nyunguranabitekerezo ya gushyiraho Ishyirahamwe ry'imikino mu mashuri (Fédération Nationale du Sport Scolaire). 	<ul style="list-style-type: none"> - Irangizwa ry'igitabo kigenewe abakangu-rambaga ba siporo mu mashuri abanza. - Ntibyabaye - Amarushanwa y'imikino mu mashuri abanza. - Amarushanwa y'imikino mu mashuri y'isumbuye. - Guhugura abakangurambaga 60 ba siporo mu mashuri abanza. - Amashyirahamwe arindwi kuri cumi n'abari arakora neza. - Ntibyakozwe. 	<p>Imirimo imwe n'imwe yari iteganyijwe nityashoboye kuba kubera amikoro make.</p>
<p>Guteza imbere siporo ya benshi na bose</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha irushanwa ry'amakipe y'umupira w'amaguru y'abana batarengeje imyaka 17. - Inama ngishwa nana ku miterere ya siporo n'imyidagaduro no kwiga amategeko. - Gukoresha imikino n'imyidagaduro y'abashe-shakanguhe mu cyumweru cyahariwe ubuzima kw'isi. - Gukoresha amarushanwa y'imikino ngorora-mubiri mu ma komini. - Amahugurwa y'abakangurambaga ba siporo mu ma komini. - Amarushanwa ngororamubiri hagati y'abasi- 	<ul style="list-style-type: none"> - Iyo rushanwa ryarabaye ritangira tariki ya 15.05.99 ritangira tariki ya 25.07.99 - Ntabwo byashoboye - Gusiganwa, Umupira w'amaguru - Ntabwo byakozwe - Ntabwo byakozwe - Ntabwo byakozwe 	<ul style="list-style-type: none"> - Kubura amafaranga - Kubura uburyo “ “ “ “

	<p>rikare abanyeshuli n' abasivili.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ubushakashatsi ku mikino gakondo. - Kwigisha abayobozi imikino ngororamubiri 60 muri Peretegitura. - Gusiganwa ku magare Kigali-Butare Akanyaru-Kigali. - Gusiganwa kumagare m'Umutara - Kugura no gutanga ibikoresho n'impira 	<ul style="list-style-type: none"> - Ntabwo twashoboye kubikora. - Ntabwo twashoboye kubikora. - Byarabaye - Byarabaye - Byarakozwe 	<p>Kubura uburyo</p>
<p>Guteza imbere siporo yo mu rwego ruhanitse</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gutegura no kujya mu marushanwa yo mu karere ka kane mu mikino ya Volleyball. - Gutegura ikipe y'igihugu y'umupira w'amaguru mw'irushanwa ry' amakuru mu mikino ya 7 y' Afica. - Gutegura amakipe y'igihugu, Volleyball, Athlétisme, Cyclisme, Boxe, Karaté mu mikino ya 7 y' afica - Gutegura no kujya mu marushanwa y'itaramakofe (Cameroun, Gabon, Uganda, Afrika y'epfo). - Gutegura amakipe y'igihugu y'umupira w'amaguru mu marushanwa ya CECAFA. - Amarusshanwa ya Tennis muri Afrika y'epfo - Gutegura ikipe y'igihugu y'umupira w'amaguru bikorewe mu Buddage. - Amahugurwa y' abasifuza ba Handball - Kugura ibikoresho n'impira by'amakipe yahagarariye u Rwanda mu mahanga. - Gutegura imirimo yo gusana Stade ya Gikomgoro. 	<ul style="list-style-type: none"> - Ikipe y'igihugu ya Volleyball yagiye muri Cameroun, ibona umwanya wo kujya mu mikino ya 7 y' Afica. - Byarakozwe, Rwanda ikina na Cameroun. - Amakipe yose yabaye hamwe kandi aritoya kugeza igihe agiriyemuri muri Afica y'epfo. - Iyo myiteguro yarabaye, ndetse ikipe y'etara makofe yabonye inyanya yo kujya muri Afrika y'epfo. - Byarakozwe ikipe y'igihugu B itwara igikombe - Byarakozwe - Byarakozwe - Ntibyakozwe - Byarakozwe 	<p>Cameroun yakuyemo Rwanda idutsinze imikino 2. Rwanda-Cameroun 0-4 Cameroun-Rwanda 2-1</p> <p>Kubera kubura amikoro</p>